Metro Health

Politiki yo kwishyuza no gukusanya amafaranga					
Icyiciro	**PFS**	Nomero ya politiki iheruka	**PFS-D153**	**Nomero ya politiki**	**PFS-04**
Itariki ya mbere	Nyakanga 2016	Itariki ikurikizwa	Werurwe 2019	Isuzuma rikurikira	Werurwe 2020

Δ igaragaza impinduka

Amakuru yerekeye iyi politiki

Metro Health Corporation na Metro Health Hospital (byose hamwe byiswe"Metro") ni ibigo bidaharanira inyungu, byasonewe imisoro bifite intego nyamukuru y'ubugiraneza biha serivisi z'ubuvuzi abatuye aho Metro itangira serivisi ha mbere n'aha kabiri. Ku bufatanye n'ibindi bikorwa bya Metro mu kwishyuza no gukusanya amafaranga kuri serivisi z'ubuvuzi zatanzwe, intego y'iyi Politiki yo kwishyuza no gukusanya amafaranga ni ukugenzura ko abarwayi bose bavurwa uko bikwiye kandi bagahabwa amahirwe ahagije yo gusaba ubufasha bw'amafaranga (reba Politiki ya Metro igenga ubufasha bw'amafaranga) cyangwa bakagena ubundi buryo bwo kwishyura. Iyi Politiki iboneka ahantu hose Metro Health Corporation na Metro Health Hospital bikorera.

Amagambo y'ingenzi

Kwiyishyurira, Ubufasha bw'amafaranga, gukusanya amafaranga.

Ibirebwa n'iyi politiki

Kwandika abarwayi, Umujyanama w'ibijyanye n'imari ku barwayi, Abahagarariye Ishami ryita ku bagana ibitaro, Serivisi z'imari ku barwayi, Gutanga fagitire mu buryo bwa kinyamwuga.

Amakuru rusange

Iyi politiki igena ibikorwa Metro ishobora gukora igihe hari amafaranga umurwayi atishyuye ibitaro cyangwa ivuriro. Iyi politiki igaragaza kandi ingamba Metro ifata mu rwego rwo kugenzura ko ibikorwa bikenewe gukorwa bikorwa mu kureba ko umurwayi akwiye guhabwa ubufasha bw'amafaranga hakurikijwe Politiki ya Metro igenga ubufasha bw'amafaranga, mbere yo gufata imyanzuro idasanzwe igamije kwisyuza abarwayi amafaranga bayirimo.

Muri iyi politiki, ijambo umurwayi risobanura umurwayi ubwe cyangwa umwishigizi we, *ni ukuvuga*, umuntu ufite inshingano yo kwishyurira umurwayi amafaranga arimo ibitaro.

A. Mu nyandiko zishyuza, Metro ishyiramo amakuru akurikira:

(i) Incamake ya serivisi z'ubuvuzi zatanzwe na Metro;
(ii) Incamake y'amafaranga Metro ica kuri izo serivisi, n'interuro ivuga ko amafaranga acibwa kuri buri serivisi yagaragazwa abishyura babisabye;
(iii) Amafaranga umurwayi asabwa kwishyura.

B. Abarwayi bose badafite ubwishingizi cyangwa abandi bo kubishyurira bazemererwa ako kanya Igabanywa ku mafaranga umurwayi yiyishyurira hakurikijwe Politiki PFS-03 ya Metro igenga ubufasha bw'amafaranga. Igabanywa ry'amafaranga umurwayi yiyishyurira riteshwa agaciro igihe nyuma hemejwe ko umurwayi yemerewe ubufasha bw'amafaranga hakurikijwe amabwiriza ashingiye ku byinjira, gusa igabanywa ku bufasha bw'amafaranga risobanurwa

mu bika bikurikira niryo rizakurikizwa aho kuba igabanywa ry'amafaranga umurywayi yiyishyurira.

C. Hashingiwe ku mafaranga umurwayi yiyishyurira, Metro izagenzura ko inyandiko ya mbere imenyesha fagitire umurwayi ahabwa nyuma y'uko asezerewe irimo interuro igaragara neza ko hateganyijwe Igabanywa ry'amafaranga umurwayi yiyishyurira, kandi ko ku mafaranga asigayemo hazakurikizwa iryo gabanywa.

D. Metro yakira abarwayi yifashishije gahunda zo kwishyura amafaranga asigaye, binyujijwe mu Gahunda ya Metro yo kwishyura serivisi z'ubuvuzi. Uretse igihe Metro yabyemeje mu nyandiko, buri gahunda yo kwishyura igaragaza (i) amafaranga agomba kwishyurwa mu gihe cy'amezi 48 hashingiwe ku ngano y'amafaranga yishyuzwa, aya mezi abarwa kuva ku itariki ikurikira umunsi serivisi yatangiweho (ariko ashobora kongerwa igihe amafaranga yishyuzwa ari menshi cyane), (ii) amafaranga yishyuzwa ku kwezi nibura ni $25 abarwa hashingiwe ku ngano y'amafaranga asigaye**.** Gahunda yo kwishyuza serivisi z'ubuvuzi ni gahunda idasaba inyungu.

E. Bitewe no kubahiriza ibiteganywa n'iyi politiki, Metro ishobora gutanga ikirego mu nkiko, harimo no kwisfashisha imyanzuro idasanzwe yo kwishyuza, kugira ngo ibashe kwishyurwa serivisi z'ubuvuzi yatanze.

F. Metro ntabwo ikurikiza imyanzuro idasanzwe yo kwishyuza, haba mu buryo butaziguye cyangwa yifashishije ikigo runaka gishinzwe kwishyuza imyenda cyangwa ugihagarariye, itabanje kugerageza kureba niba umurwayi yakwemererwa ubufasha hakurikijwe Politiki ya Metro igenga ubufasha bw'amafaranga. Kubera iyo mpamvu:

(i) Metro ntabwo izakurikiza imyanzuro idasanzwe yo kwishyuza mu Gihe cy'imenyekanisha ry'umwenda.

(ii) Metro izamenyesha abantu ko haboneka ubufasha bw'amafaranga hakurikijwe uburyo busobanurwa muri Politiki ya Metro igenga ubufasha bw'amafaranga, ubwo buryo bw'imenyekanisha burimo ubukurikira:

- Kumanika icyapa ahari ibikorwa remezo bya Metro;
- Gushyira Politiki igenga ubufasha bw'amafaranga, Inyandiko y'ubusabe bw'ubufasha bw'amafaranga, Incamake y'ururimi ku rubuga rwa interineti rwa Metro;
- Gushyira incamake y'ururimi mu bikoresho bigenga iyandikwa ry'abarwayi cyangwa udutabo tw'abarwayi bari mu bitaro;
- Gushyira incamake y'ururimi mu bikoresho bihabwa buri murwayi mu gihe cyo kubavura cyangwa kubasezerera.

(iii) Metro izagenzura ko Politiki igenga ubufasha bw'amafaranga, Inyandiko y'ubusabe bw'ubufasha bw'amafaranga, Incamake y'ururimi biboneka mu Cyongereza ndetse nibura no mu rundi rurimi rukoreshwa n'abagera (i) ku bantu 1000, cyangwa (ii) kuri 5% by'abuturage babarizwa ahantu Metro ikorera ha mbere n'aha kabiri.

(iv) Mu Gihe cy'imenyekanisha ry'umwenda, Metro iha buri murwayi nibura inyandiko eshatu zishyuza (uretse ko nta zindi nyandiko zishyuza zikenewe gushyikirizwa umurwayi igihe yatanze Inyandiko y'ubusabe bw'ubufasha bw'amafaranga), buri nyandiko yishyuza igomba kuba ikubiyemo interuro igaragaza ko hashobora gutangwa ubufasha bw'amafaranga, harimo:

- Interuro isomeka igaragaza ko hashobora gutangwa ubufasha bw'amafaranga;
- Nomero ya telefoni yasabirwaho amakuru yerekeye Politiki igenga ubufasha bw'amafaranga n'uburyo bwo kubusaba;
- Urubuga rwa interineti rubonekaho Politiki igenga ubufasha bw'amafaranga, Inyandiko y'ubusabe bw'ubufasha bw'amafaranga n'Incamake y'ururimi.

(v) Iyo umurwayi asabye amakuru muri Metro yerekeye ubufasha bw'amafaranga ashobora guhabwa, Metro iha uwo murwayi kopi ya Politiki igenga ubusabe bw'amafaranga, Inyandiko y'ubusabe bw'ubufasha bw'amafaranga, n'Incamake y'ururimi nta kiguzi. Ikindi kandi, Metro izohereza umurwayi ku Uhagarariye Metro kugira ngo amuhe ibindi bisobanuro n'ubufasha akeneye.

G. Iyo Metro igamije gufata imyanzuro idasanzwe yo kwishyuza, izoherereza cyangwa ihe mu ntoki Inyandiko iteguza kwishyuza mu nyandiko ya 3 yishyuza, nibura iminsi 30 mbere yo gufata imyanzuro idasanzwe yo kwishyuza. Inyandiko iteguza kwishyuza n'inyandiko ya 3 yishyuza ziba zirimo amakuru akurikira:

(i) Interuro isobanura ko Metro ishaka gufata umwanzuro cyangwa imyanzuro idasanzwe yo kwishyuza (igaragaza imyanzuro idasanzwe yo kwishyuza izafatwa) kugira ngo hishyurwe umwenda umurwayi ayibereyemo;

(ii) Itariki (igomba kuba nibura ari iyo mu minsi 30 ikurikira Inyandiko iteguza kwishyuza) kwishyura bigomba kuba byakozwe kugira ngo hirindwe imyanzuro idasanzwe yo kwishyuza yagaragajwe;

(iii) Interuro igaragara isobanura ko hashobora gutangwa ubufasha bw'amafaranga hakurikijwe Politiki igenga ubufasha bw'amafaranga;

(iv) Kopi y'Incamake y'ururimi.

Nta na rimwe Inyandiko iteguza kwishyuza ishobora kohererezwa cyangwa guhabwa umurwayi iminsi 30 mbere y'irangira ry'Igihe cy'imekanisha ry'umwenda. Mu gihe cy'iminsi 30 gikurikira kohereza cyangwa guha umurwayi Inyandiko iteguza kwyishyuza, Metro izakomeza kugerageza kumenyesha umurwayi mu magambo ko hashobora gutangwa ubufasha bw'amafaranga.

Iyo umwanzuro udasanzwe wo kwishyuza ugamijwe uzishyuza umwenda ku bihe bitandukanye by'ubuvuzi, ibihe bijyanye n'Igihe cy'imenyekanisha ry'umwenda (iminsi 120) n'Igihe cyo gutanga ubusabe (iminsi 240) bizagenwa hashingiwe ku gihe hishyuzwa

umwenda munini (by'umwihariko, kuva ku itariki umurwayi yahereweho Inyandiko ya mbere yishyuza itangwa nyuma yo gusererwa kubera ubuvuzi yahawe).

H. Iyo Igihe cy'imenyekanisha ry'umwenda cyarangiye, Metro ishobora kwifashisha umwanzuro cyangwa imyanzuro idasanzwe yo kwishyuza mu buryo bukurikira:

(i) Iyo umurwayi atasabye ubufasha bw'amafaranga hakurikijwe Politiki igenga ubufasha bw'amafaranga kugeza ku munsi wa nyuma w'Igihe cy'imenyekanisha ry'umwenda, Metro ishobora kwifashisha umwanzuro udasanzwe wo kwishyuza, ariko imaze gutanga Ibaruwa iteguza kwishyuza kandi nyuma nibura y'iminsi 30.

(ii) Iyo umurwayi yasabye ubufasha bw'amafaranga ariko icyemezo cy'uko atemerewe ubwo bufasha hakurikijwe Politiki ya Metro igenga ubufasha bw'amafaranga kikaba cyarafashwe, Metro ishobora kwifashisha umwanzuro cyangwa imyanzuro idasanzwe.

(iii) Iyo umurwayi atanze Inyandiko y'ubusabe bw'ubufasha bw'amafaranga iriho amakuru atuzuye mbere y'irangira ry'Igihe cy'ubusabe, imyanzuro idasanzwe yo kwishyuza ishobora kutifashishwa kugeza ibikurikira bikozwe:

- Metro iha umurwayi integuza yanditse igaragaza amakuru y'inyongera cyangwa inyandiko zisabwa kugira ngo huzuzwe Inyandiko y'ubusabe bw'ubufasha bw'amafaranga;
- Metro iha umurwayi integuza yanditse y'iminsi 30 nibura igaragaza imyanzuro idasanzwe yo kwishyuza Metro ishobora kwifashisha mu kwishyuza umurwayi iyo adasabye ubufasha bw'amafaranga cyangwa ngo umwenda wishyurwe ku itariki runaka; *gusa, nyamara,* itariki ntarengwa yo gusaba ubufasha bw'amafaranga cyangwa kwishyura ntishobora kuba mbere y'irangira ry'Igihe cyo gusaba ubufasha;
- Iyo umurwayi yujuje Inyandiko y'ubusabe bw'ubufasha bw'amafaranga kandi Metro igafata icyemezo cy'uko umurwayi adakwiye kwemererwa ubufasha bw'amafaranga bidasubirwaho, Metro iha umurwayi amahirwe yo kugaragaza gahunda yo kwishyura mbere yo kwifashisha imyanzuro idasanzwe yo kwishyuza;
- Iyo umurwayi atujuje Inyandiko y'ubusabe bw'ubufasha bw'amafaranga nibura bitarenze itariki igaragara mu nteguza yanditse, Metro ishobora kwifashisha umwanzuro cyangwa imyanzuro idasanzwe yo kwishyuza.

(iv) Iyo Inyandiko y'ubusabe bw'ubufasha bw'amafaranga (yuzuye cyangwa ituzuye) itanzwe n'umurwayi igihe cyose mu Gihe cyo gusaba ubufasha, Metro isubika imyanzuro idasanzwe yo kwishyuza irimo kwifashisha iyo hategerejwe umwanzuro ku busabe bw'ubufasha bw'amafaranga umurwayi yasabye.

I. Metro ishobora kwemerera ibindi bigo byo hanze byishyuza kuyishyuriza umwenda hakurikijwe ibiteganywa mu mategeko ariho. Nyamara, imyanzuro idasanzwe yo kwishyuza

ibyo bigo biteganya kwifashisha igomba kubanza kwemezwa na Metro buri gihe hashingiwe kuri buri mukiriya n'amafaranga arimo.

J. Imyenda abarwayi barimo bashobora kwishyura ariko ntibagire ubushake bwo kwishyura serivisi bahawe na Metro ifatwa nk'imyenda mibi itarishyurwa; iyo myenda ihabwa ibigo byo hanze kugira ngo biyishyuze. Imyenda y'abarwayi bemerewe ubufasha bw'amafaranga hakurikijwe Politiki ya Metro igenga ubufasha bw'amafaranga ariko ntibishyire amafaranga asigaye (yagabanyijwe) kandi igihe cyo kwishyura cyarageze , ifatwa nk'imyenda mibi itarishyurwa bityo ihabwa ibigo byo hanze kugira ngo biyishyuze.

K. Metro izaha rubanda kopi Politiki yo kwishyuza no gukusanya amafaranga ku buntu. Iyi Politiki yo kwishyuza no gukusanya amafaranga izamanikwa, itangazwe cyangwa ikwirakwizwe nka Politiki ya Metro igenga ubufasha bw'amafaranga. Metro izagenzura ko Politiki yo kwishyuza no gukusanya amafaranga iri mu Cyongereza no mu rundi rurimi rukoreshwa n'abantu bake bagera (i) ku bantu 1000, cyangwa (ii) kuri 5% by'abuturage babarizwa ahantu Metro ikorera ha mbere n'aha kabiri.

L. Iyo Metro itanze cyangwa ikagurisha imyenda y'abarwayi ikindi kigo mu Gihe cyo gusaba ubufasha, Metro igirana amasezerano n'icyo kigo ategeka icyo kigo:

(i) Kudakurikiza imyanzuro idasanzwe yo kwishyuza kugeza Igihe cy'imenyekanisha ry'umwenda kirangiye kandi nibura iyo iminsi 30 ibarwa kuva ku itariki umukiriya yohererejwe cyangwa yaherewe Ibaruwa iteguza kwishyuza yarangiye;

(ii) Guhagarika imyanzuro idasanzwe yo kwishyuza iyo umurwayi atanze Inyandiko y'ubusabe bw'ubufasha bw'amafaranga mu gihe cyo gutanga ubwo busabe;

(iii) Iyo hemejwe ko umurwayi yemerewe ubufasha bw'amafaranga, kugenzura ko umurwayi adasabwa cyangwa adategetswe kwishyura (kandi atishyura) amafaranga ari hejuru y'asabwa , bityo hagateshwa agaciro imyanzuro idasanzwe yo kwishyura yafashwe.

Ibisobanuro

Igihe cyo gusaba ubufasha: Igihe Metro iba igomba kwakira no gusuzuma inyandiko y'ubusabe bw'ubufasha bw'amafaranga hakurikijwe Politiki ya Metro igenga ubufasha bw'amafaranga. Kopi za Politiki igenga ubufasha bw'amafaranga n'Inyandiko y'ubusabe bw'ubufasha bw'amafaranga ziboneka kuri https://metrohealth.net/about-metro-health/billing-payment-options/financial-assistance/. Igihe cyo gusaba ubufasha bw'amafaranga gitangira ku itariki serivisi z'ubuvuzi zitangiwe kikarangira ku munsi wa 240 nyuma y'uko Metro itanze Inyandiko ya mbere yishyuza izo serivisi itangwa nyuma yo gusezerera umurwayi.

Itariki ntarengwa ku bufasha bw'amafaranga: Itariki ibanziriza umunsi Metro Health ishobora gutangira kwifashisha umwanzuro udasanzwe ku bantu batatanze Inyandiko y'ubusabe bw'ubufasha bwa'amafaranga. Itariki ntarengwa igomba kuba igaragara mu nteguza yanditse ihabwa abantu bireba nibura iminsi 30 mbere y'itariki ntarengwa ariko atari mbere y'iminsi 120.

Igihe cyo kuzuza Inyandiko y'ubusabe bw'ubufasha bw'amafaranga: Itariki ibanziriza umunsi Metro Health ishobora kwifashisha cyangwa gutangira umwanzuro udasanzwe wo kwishyuza ku bantu batanze Ubusabe bw'amafaranga butuzuye. Itariki ntarengwa yo kuzuza inyandiko y'ubusabe igomba kugaragazwa mu nteguza yanditse kandi igomba kuba atari mbere y' a) iminsi 30 ikurikira itangwa ry'integuza cyangwa b) umunsi wa nyuma w'igihe cyo gusaba ubufasha.

Umwanzuro udasanzwe wo kwishyuza – Umwanzuro ufatirwa umurwayi ujyanye no kwishyuza amafaranga umurwayi yasigayemo, uwo mwanzuro ukaba ari urubanza mu rukiko. Dutanze urugero, imyanzuro idasanzwe yo kwishyuza iba irimo ubwoko butandukanye bw'uburenganzira bwo gufatira umutungo kugeza umwenda wishyuwe, gufatira umutungo utimukanwa, gufatira konti cyangwa umutungo w'umuntu, gutanga ikirego mbonezamubano, gufata umuntu cyangwa ihamagara, cyangwa gufatira umushara cyangwa ibindi umuntu yinjiza. Ijambo umwanzuro udasanzwe wo kwishyuza ririmo kandi kumenyesha umwenda w'abarwayi ikigo gishinzwe imyenda. Imyanzuro idasanzwe yo kwishyuza ntabwo irimo uburenganzira bwo gufatira umutungo kugeza umwenda wishyuwe bwemejwe na Metro ku mafaranga akomoka ku rubanza rw'umuntu, kwishyura cyangwa kumvikana, cyangwa gutanga ikirego mu rubanza rwo kugira igihombo.

Amafaranga umurwayi yiyishyurira: Igice cy'amafaranga umurwayi asigayemo ibitaro nyuma yo kwishyura kw'ubwishingizi bw'indwara cyangwa abandi (amafaranga uwafashe ubwishingizi azajya yishyura, ubufatanye mu bwishingizi, n'ayakaswe), isibwa ryayo rishingira ku busabe bw'ubufasha bw'amafaranga bw'abarwayi.

Igabanywa ry'amafaranga umurwayi yiyishyurira: Igabanywa ry'amafaranga ku barwayi bose biyishyurira batemerewe ubufasha bw'amafaranga.

Ikigo cyishyuza amafaranga: Ikigo gifite amasezerano cyishyuriza umwenda w'umurwayi Metro Health hakurikijwe Ibyerekeye kwishyuza imyenda mu buryo bukwiye.

Kwishyura ubuvuzi: Uburyo butuma ubasha kwishyura amafaranga buri kwezi mu gihe kirekire utongeyeho inyungu.

Inyandiko yishyuza – Inyandiko yose yohererezwa cyangwa ihabwa umurwayi imusaba kwishyura. Inyandiko ishobora kuba inyandiko ya mbere imenyesha fagitire umurwayi ahabwa nyuma y'uko asezerewe, Inyandiko isanzwe yishyuza itangwa buri kwezi, cyangwa Ibaruwa iteguza kwishyuza.

Abahagarariye Ishami ryita ku bagana Metro – Abakozi bo mu Biro bya Metro byita ku bayigana baganiriza abarwayi kuri politiki z'imari zayo, zirimo ariko zitagarukira gusa kuri Politiki igenga ubufasha bw'amafaranga ndetse n'amategeko n'amabwiriza agenga Politiki yo kwishyuza no gukusanya amafaranga.

Igihe cy'imenyekanisha – Igihe Metro igomba kumenyesha abarwayi ku hashobora kuboneka ubufasha bw'amafaranga. Igihe cy'imenyekanisha gitangira ku munsi wa mbere umurwayi yaherewe serivisi kikarangira ku munsi wa 120 nyuma y'uko Metro itanze inyandiko ya mbere imenyesha fagitire umurwayi ahabwa nyuma y'uko asezerewe.

Amafaranga umurwayi asigayemo – Amafaranga umurwayi asigaramo atishyuwe n'ubwishingizi, ikigo cya leta cyangwa abandi.

Incamake y'ururimi – Incamake y'ururimi Politiki ya Metro igenga ubufasha bw'amafaranga yanditsemo, kopi yayo iboneka kuri https://metrohealth.net/about-metro-health/billing-payment-options/financial-assistance/. Incamake y'ururimi izatangazwa nk'uko biteganyijwe muri Politiki igenga ubufasha bw'amafaranga.

Inyandiko iteguza kwishyuza – Inyandiko yishyuza Metro yohererezа cyangwa ikayiha umurwayi nibura mu gihe cy'iminsi 30 ibanziriza kwifashisha imyanzuro idasanzwe yo kwishyuza umurwayi igaragaza ko Metro igamije kwifashisha imyanzuro idasanzwe yo kwishyuza kugira ngo hishyurwe umwenda w'umurwayi, harimo n'ibindi bigaragara mu Cyiciro cya IV.G.

Inyadiko zifashishijwe

U.S Bankruptcy Code, Title 11
http://uscode.house.gov/browse/prelim@title11&edition=prelim

I.R.S. Revenue Code, Section 501(r)
https://www.irs.gov/charities-non-profits/charitable-organizations/new-requirements-for-501c3-hospitals-under-the-affordable-care-act

Komite zemeza

Komite ishinzwe uruhererekane rw'ibyinjira Komite Δ 13/2/2019 Itariki